

REPUBULIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA
GASABO

ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.

Umwaka wa 2021 umunsi wa 13 ukwezi kwa Nzeri;

Twebwe GAJU Jeanne, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWANTEGE Marianne;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa **MUGENI Magnifique** mwene Ngendahimana Thelesphore na Mukayisenga Concile, utuye mu mudugudu wa Byimana, akagari ka Musezero, umurenge wa Gisozi, akarere ka Gasabo, Umuji wa Kigali, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo guta urugo, icyaha bitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 139 y'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 02043/IPRL GASA/2020/FM/JM kigeze mu rukiko gihabwa N° RP 01403/2020/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 13/09/2021 saa mbiri za mu gitondo ariko **MUGENI Magnifique** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, urubanza rukimurirwa tariki ya 14.12.2021 kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganywa uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganywa uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **MUGENI Magnifique** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **14/12/2021 saa mbiri za mugitodo (8h00)**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemewe ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa **ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga**.

GAJU Jeanne

UMUCAMANZA

Se

UWANTEGE Marianne

UMWANDITSI

Se